IKINYAMAKURU

# INTWARARUMURI




Unity Club

"Towards a common goal"

MUTARAMA-KAMENA 2024



*Bafatanyabikorwa, Nshuti, Basomyi,*

Twishimiye kubagezaho amakuru y'ingenzi ku bikorwa byacu byo mu bihembwe bibiri bya nyuma by'umwaka wa 2023/2024, uhereye muri Mutarama ukageza muri Kamena 2024. Ibikorwa tubamurikira muri iki kinyamakuru gito cyacu ***"Intwararumuri"*** bishingiye kuri gahunda n'imishinga itandukanye ya Unity Club igamije guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda n'imibereho myiza yabo, byo nkingi y'amahoro n'iterambere birambye.

# IBIRIMO


01 Kwibuka 30: Madamu Jeannette KAGAME yifatanyije n'Intwaza ........ 04

02 Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri basuye Urwibutso rwa Murambi ........ 07

03 Kaminuza n'Amashuri Makuru 17 yinjiye bwa mbere muri Gahunda yo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko ........ 09

04 "Ndi Umunyarwanda Integration Project" igeze aharyoshye! ........ 10

05 Unity Club yasinye amasezerano y'ubufatanye na IRDP ........ 12

06 Ntiwaba Intwari uvangura! CHENO ........ 13

07 Ubushakashatsi: Unity Club na Minubumwe mu bufatanye ........ 14

08 Abanyamuryango mu rugamba rwo kwita no kubungabunga ubuzima ........ 15

09 Nyamagabe: Baravuga imyato Unity Club kubera Umushinga "Isano ishamitse ubukire" ........ 16

10 Ndi Umunyarwanda yakoze umuti! ........ 18

11 Andi makuru: Unity Club yaherekeje bwa nyuma Intwararumuri Amb. Monique Mukaruliza ........ 19

12 Unity Club yungutse Abanyamuryango bashya ........ 23

13 Ibikorwa by'ingenzi biri Imbere ........ 23

# NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME YIFATANYIJE ANAFATA MU MUGONGO INTWAZA



Hafashwe umunota wo Kwibuka Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, yifatanyije n'Ababyeyi b'Intwaza bagizwe incike na Jenoside mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Iki gikorwa cyabereye mu rugo rw'Impinganzima ya Huye tariki 04 Kamena 2024, gihuriramo Ababyeyi b'Intwaza bo mu Impinganzima ya Huye n'iy'i Nyanza.



## Urumuri rw'icyizere

Mu ijambo rye, Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, yashimye ubutwari bw'Intwaza, Ababyeyi bagizwe incike na Jenoside yakorewe Abatutsi. Yagize ati:

> Turabashimira ko muri ishuri twigiraho ubudaheranwa duhora tuvuga iteka.



Aha yunzemo ati:

> Mukomeze mutwaze, muharanire kubaho kuko ari ko guha agaciro abo twibuka.



| Kanda hano | Video | Amafoto |
|---|---|---|
| Soma Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME | Reba video | Reba amafoto |

Uretse mu Impinganzima ya Huye n'iya Nyanza, Unity Club yanifatanyije n'ababyeyi b'Intwaza bo mu Impinganzima ya Bugesera na Rusizi Kwibuka ku Nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu butumwa bwo kwifatanya n'Abanyarwanda bose mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, yagaragaje ko "Amahitamo yo **kongera kunga ubumwe yadushoboje [Abanyarwanda] komorana ibikomere no kubaka u Rwanda rutekanye kandi rudaheza."**



> Kwibuka ni umwanya wo gusubiza agaciro abacu bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Amahitamo yo kongera kunga ubumwe yadushoboje komorana ibikomere no kubaka u Rwanda rutekanye kandi rudaheza. Abanyarwanda twese cyane cyane urubyiruko dufite umukoro wo kubakira kuri uwo musingi tugakomeza kubaka u Rwanda ruzira Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

Ubutumwa **Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME** yageneye Abanyarwanda mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi



Abanyamuryango ba Unity Club bashyira indabo ku mva rusange iruhukiyemo abazize Jenoside yakorewe Abatutsi ku Rwibutso rwa Murambi



# 02 ABANYAMURYANGO BA UNITY CLUB INTWARARUMURI BASUYE URWIBUTSO RWA MURAMBI

Tariki 03 Gicurasi 2024, Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Murambi mu karere ka Nyamagabe, mu rwego rwo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.





Abanyamuryango basuye Urwibutso rwa Murambi basobanukirwa umwihariko wa Jenoside yakorewe Abatutsi muri aka gace

Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere, Hon. Marie Solange KAYISIRE, wari ahagarariye Umuyobozi Mukuru wa Unity Club muri iki gikorwa, yagaragaje ko **"Abanyarwanda bose dukwiye kumenya, gusobanukirwa neza no kurinda amateka yacu; guhora dusubiza amaso inyuma tukareba imiyoborere mibi yaranze Igihugu ari nayo yatugejeje kuri Jenoside; tukamaganira kure icyo ari cyo cyose cyakurura amacakubiri n'umwiryane mu Banyarwanda."**



Hon. **Marie Solange KAYISIRE**
Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club

> Kwibuka nk'abayobozi, ni inshingano zacu kugira ngo dukomeze guharanira imiyoborere myiza yimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Urwibutso rwa Murambi rwasuwe n'Intwararumuri rufite umwihariko wo kugaragaza uruhare rw'ubutegetsi bubi mu mateka mabi y'itotezwa n'ubwicanyi byakorewe Abatutsi, bikanagera ku ndunduro ya Jenoside yakorewe Abatutsi nyir'izina mu 1994.

Uyu mwihariko ni nawo watumye Abanyamuryango ba Unity Club, nk'Abayobozi kandi nk'Intwararumuri, bahitamo gusura uru Rwibutso mu rwego rwo kwibuka no kunamira abazize Jenoside yakorewe Abatutsi basaga ibihumbi 50 baruruhukiyemo, banarushaho kuzirikana uruhare rw'Ubuyobozi bubi mu mateka mabi y'u Rwanda ndetse n'uruhare rwabo nk'Abayobozi mu kubaka u Rwanda rwiza rwunze UBUMWE.

**Video**
Reba video

**Amafoto**
Reba amafoto



# 03 KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU 17 YINJIYE BWA MBERE MURI GAHUNDA YO KWIMAKAZA NDI UMUNYARWANDA MU RUBYIRUKO



Tariki 20 Gicurasi 2024, Unity Club yatanze amahugurwa kuri **"Ndi Umunyarwanda"** yahawe abarezi bo mu Mashuri Makuru na Kaminuza 17 yinjiye bwa mbere mu mushinga wa **"Ndi Umunyarwanda Integration Project"** ugamije kwimakaza Ubunyarwanda mu rubyiruko rwo mu Mashuri Makuru na Kaminuza.

Abahawe amahugurwa bazafasha kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza bakoreramo

Umunyamabanga wa leta muri Ministeri y'Uburezi, akaba n'Umunyamuryango wa Unity Club, Hon. Claudette IRERE, niwe watangije aya mahugurwa ku mugaragaro. Hon. Claudette IRERE yibukije abarezi bitabiriye amahugurwa inshingano zabo muri ibyo bikorwa. Aha yagize ati:



**Intwararumuri Hon. Claudette IRERE ubwo yatangizaga amahugurwa ku mugaragaro**

> Tubatezeho kuzagira uruhare mu gihe cy'ibiganiro, ndetse no mu gutangiza amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu mashuri mwaturutsemo (Unity and Resilience Clubs). Twese hamwe rero, dufashe urwo rubyiruko kurushaho gusigasira, kwimakaza no gusakaza Ndi Umunyarwanda aho mu mashuli, muri bagenzi babo ndetse no mu miryango bavukamo.

Abarezi 2 kuri buri Shuri Rikuru na Kaminuza, nibo bitabiriye aya mahugurwa, bakaba ari Imboni za Ndi Umunyarwanda aho bakorera. Bazafasha mu ishingwa no gukurikirana amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa aho bakorera kugirango Ndi Umunyarwanda irusheho kwimakazwa mu rubyiruko rwo muri ayo Mashuri Makuru na Kaminuza.

## 04 ICYICIRO CYA KANE CYA "NDI UMUNYARWANDA INTEGRATION" PROJECT

Tariki 17 Mata 2024, Unity Club yatangije icyiciro cya Kane cy'Umushinga wo Kwimakaza Ubunyarwanda mu rubyiruko rwo mu Mashuri Makuru na Kaminuza, **"Ndi Umunyarwanda Integration Project".**



Abo kuri site y'Umujyi wa Kigali nibo babimburiye Abandi ubwo hatangizwaga icyiciro cya Kane cy'uyu mushinga

Mu izina ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Intwararumuri Domitilla MUKANTAGANZWA, niwe watangije ku mugaragaro ibikorwa by'iki cyiciro cya 4 cy'umushinga kuri site y'Umujyi wa Kigali yahuriyeho Amashuri Makuru na Kaminuza 12.

Abayobozi b'amahuriro y'ubumwe n'ubudaheranwa nibo bahuguwe ngo nabo bazahugure abandi cyane cyane urubyiruko rwo mu Mashuri Yisumbuye.



Agaruka ku mwihariko w'icyiciro cya kane cy'uyu mushinga, Intwararumuri MUKANTAGANZWA yibukije ko ibikorwa by'uyu mushinga byatangiye muri 2019 hakorwa ibiganiro n'amarushanwa kuri Ndi Umunyarwanda ndetse hanashyirwaho Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa (Unity and Resilience Clubs) mu Mashuri Makuru na Kaminuza 32. Aha yagize ati:



> Mufite inshingano zo kwigisha no kuyobora ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda, haba mu mashuri yanyu, mu mashuri yisumbuye n'ahandi bibaye ngombwa, ni ngombwa rero ko mugira ubumenyi bwisumbuye bwiyongera ku bumenyi n'inyigisho musanganywe.

**Intwararumuri Domitilla MUKANTAGANZWA**
atangiza icyiciro cya kane cy'Umushinga kuri site ya Kigali



Bamwe mu bayobozi **b'amahuriro y'ubumwe n'ubudaheranwa** bitabiriye Amahugurwa | Kigali



Impuguke mu mateka y'u Rwanda **Bwana Innocent NIZEYIMANA** | Musanze

Intego y'icyiciro cya Kane cy'uyu mushinga, ni ukubakira ubushobozi amahuriro y'ubumwe n'ubudaheranwa muri za Kaminuza n'Amashuri Makuru, abayagize bagakora imishinga yo kugeza Ndi Umunyarwanda kuri bagenzi babo bigana ndetse no kuri barumuna babo bo mu Mashuri Yisumbuye.

Nyuma ya Kigali, iyi gahunda yakomereje no kuri site za Huye, Kayonza na Musanze, hahurira abayobozi b'amahuriro y'ubumwe n'ubudaheranwa yo mu Mashuri Makuru na Kaminuza yo muri utwo duce. Kuri site zose hatanzwe ibiganiro n'amahugurwa ku mateka y'u Rwanda, Ndi Umunyarwanda, uburyo bwo gutegura umushinga no gutanga ibiganiro.

Reba amafoto **Amafoto**

## 05 UNITY CLUB YASINYE AMASEZERANO Y'UBUFATANYE NA IRDP

Kuwa 16 Gashyantare 2024, Umuryango Unity Club Intwararumuri washyize umukono ku masezerano y'ubufatanye n'Ikigo cy'Ubushakashatsi n'Ubusabane bugamije Amahoro, IRDP.



Prof. Sylvestre NZAHABWANAYO, Umuyobozi Mukuru wa IRDP na Régine IYAMUREMYE, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club, bashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye



Abakozi ku mpande zombi bishimiye aya masezerano

Binyuze muri ayo masezerano, impande zombi ziyemeje gufatanya mu mishanga n'ibikorwa binyuranye bijyanye no guteza imbere umuco w'amahoro, ubumwe n'ubudaheranwa hibandwa ku biganiro cyane cyane mu rubyiruko.



## 06 NTIWABA INTWARI UVANGURA! CHENO

Mu kiganiro ngarukakwezi kuri Ndi Umunyarwanda cyo muri Mutarama 2024, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari, Impeta n'Imidari by'Ishimwe, CHENO, rwagaragaje ko Ndi Umunyarwanda ari isoko y'ubutwari no gukunda Igihugu.




Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CHENO, Bwana Déo NKUSI, yashimangiye ko u Rwanda rwubatswe n'ubutwari, rurindwa n'ubutwari ndetse rutezwa imbere n'ubutwari. Kugirango bigerweho, yagaragaje ko "hari indangagaciro buri munyarwanda wese agomba kugira, kugirango cya gihango cyacu cy'ubunyarwanda kirusheho kwimakazwa."

Aha yagize ati: **"Ntiwaba Intwari uvangura!"**

Umunyamuryango wa Unity Club Intwararumuri Amb. Joseph NSENGIMANA nawe yashimangiye ko ibikorwa by'ubutwari byubakirwa ku ndangagaciro z'ubunyarwanda zikwiye kuranga buri wese mu buzima bwa buri munsi, haba mu bihe by'amage, haba mu bihe by'amahoro.

Mu butumwa yageneye urubyiruko, Bwana Donatien NIKUZE, Umukozi muri MINUBUMWE yagaragaje ko ikigira umuntu uwo ari we, ari indangagaciro zimuranga, atari imyaka.

Yerekanye ko abitangiye u Rwanda babaye urugero rw'ibishoboka, umuco w'ubutwari ukaba ukwiye kurandaranda, kuko ababyiruka ari bo bafite u Rwanda rw'ejo hazaza mu biganza.

Iki kiganiro cyagarutse ku ruhare rwa Ndi Umunyarwanda mu kwimakaza umuco w'ubutwari mu Banyarwanda mbere y'uko u Rwanda rwizihiza umunsi w'Intwari tariki 1 Gashyantare 2024.

Reba ikiganiro cyose **Video**

Urubuga rwa Ndi Umunyarwanda, ni ikiganiro cya Unity Club ifatanyije na MINUBUMWE. Gifite intego yo kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu Banyarwanda. Gitambuka kuri RBA ku Cyumweru cya nyuma cya buri kwezi. Reba ibindi biganiro kuri Ndi Umunyarwanda byatambutse kuri RBA hagati ya Mutarama na Kamena 2024:

- Ndi Umunyarwanda | Kwizihiza Intwari z'u Rwanda
- Uruhare rwa Diaspora mu kwimakaza Ubunyarwanda:
- Uruhare rw'umunyarwandakazi mu kubaka ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda mu myaka 30 ishize
- Urubuga rwa Ndi Umunyarwanda: Komora ibikomere bikomoka kuri Jenoside
- Ndi Umunyarwanda n'Umurimo: Indangagaciro yo guteza imbere umurimo no kuwunoza

## 07 UBUSHAKASHATSI: UNITY CLUB NA MINUBUMWE MU BUFATANYE

Ibi byashimangiwe mu nama yahuje Sukomisiyo y'Ubushakashatsi muri Unity Club n'abashakashatsi bo muri MINUBUMWE, inama yabereye ku cyicaro cya Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, tariki 30 Mutarama 2024.







Abahagarariye Sukomisiyo y'Ubushakashatsi muri Unity Club mu nama n'Abashakashatsi ba MINUBUMWE

Impande zombi ziyemeje kongera ubufatanye mu gukora ubushakashatsi bufite ireme kugira ngo bwifashishwe n'inzego bireba mu gufata ibyemezo no gushyiraho gahunda na politiki zishimangira ubumwe n'ubudaheranwa mu Banyarwanda.

Muri Gashyantare 2022, nibwo Unity Club na MINUBUMWE bashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye(MoU) mu nzego zirimo n'urw'ubushakashatsi.
Umwaka ushize wa 2023, Unity Club yashyize ahagaragara ibyavuye mu bushakashatsi yakoze ku ngaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 mu rubyiruko, ubushakashatsi bwiswe: "THE IMPACT OF THE 1994 GENOCIDE AGAINST THE TUTSI ON THE MOST AFFECTED YOUTH IN RWANDA; ANALYSIS OF THE YOUTH'S PECULIAR POST-GENOCIDE PROBLEMS AND EMERGING SOLUTIONS."

Ubu bushakashatsi bukaba bugiye gusemurwa mu Kinyarwanda ndetse bukazamenyekanishwa kurushaho kugirango bubyazwe umusaruro kurushaho n'inzego zitandukanye.

## 08 ABANYAMURYANGO MU RUGAMBA RWO KWITA NO KUBUNGABUNGA UBUZIMA

Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri, mu ntangiriro z'ukwezi kwa Gashyantare, bitabiriye ikiganiro ku **"Uburyo bwo kwita ku buzima mu gihe cyo gucura"**, Menopause mu ndimi z'amahanga.

Ni ikiganiro cyatanzwe n'Inzobere mu kuvura indwara z'Abagore Dr. SUBIRA MANZI, Umuganga mu bitaro byitiriwe Umwami Faïsal.







Dr. MANZI SUBIRA n'Abanyamuryango ba Unity Club, mu kiganiro ku buryo bwo kwita ku buzima mu gihe cyo gucura (Menopause)

Dr. SUBIRA yagarutse ku gisobanuro cya Menopause, ibiyiranga, ingaruka zayo n'uburyo bwo guhangana nazo. Muganga SUBIRA yagaragaje ko kureka itabi n'inzoga ku babinywa, kwita ku mirire ndetse no kwitabira imyitozo ngororamubiri ari ingirakamaro mu guhangana n'ibibazo bikomoka kuri Menopause.

Uyu muganga kandi asaba buri wese gutinyuka akagana abaganga bakamusuzuma kugirango agirwe inama z'icyo akwiye gukora, aho kugendera ku nama z'abandi, kuko buri wese aba afite umwihariko bitewe n'imiterere y'umubiri we.
Abanyamuryango bitabiriye iki kiganiro imbonankubone ndetse no mu buryo bw'ikoranabuhanga bashimye inama za Muganga SUBIRA, biyemeza kuzubakiraho mu kubungabunga ubuzima bwabo, ubw'imiryango yabo no gusangiza ubumenyi abandi, kugirango barusheho kwita ku buzima bwabo.

## 09 NYAMAGABE: BARAVUGA IMYATO UNITY CLUB KUBERA UMUSHINGA "ISANO ISHAMITSE UBUKIRE"

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe n'Abaturage b'Umurenge wa Cyanika by'umwihariko, barashima ibikorwa by'umushinga "Isano ishamitse ubukire", bakabishimira Unity Club cyane cyane Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME.

Ibi babigaragaje tariki 19 Gashyantare 2024, ubwo abakozi mu bunyamabanga bw'Umuryango Unity Club basuraga ibikorwa by'uwo mushinga bayobowe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa Mme Régine IYAMUREMYE.





Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIWEMWUMGERI yabanje kwakira mu biro bye Abakozi mu bunyamabanga bw'Umuryango Unity Club Intwararumuri mbere y'uko batangira gusura ibikorwa



Tariki 23 Kamena 2012, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, yatashye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Cyanika ruruhukiyemo ababarirwa mu bihumbi 40. Uru rwibutso rwubatswe nyuma y'ubuvugizi bwakozwe na Unity Club, rwafashije Abarokotse kuruhuka nyuma yo gushyingura ababo mu cyubahiro.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIWEMWUNGERI, yashimiye Unity Club kubera icyo gikorwa n'ibindi byiza byose byazanye impinduka nziza mu mibereho n'imibanire y'Abaturage b'Umurenge wa Cyanika biciye mu mushinga **"ISANO ISHAMITSE UBUKIRE"**.

Binyuze muri uyu mushinga, Unity Club ifatanyije n'abafatanyabikorwa bayo nka KOICA, yubatse inzu mberabyombi "ISANO Community Center" yafashije mu bikorwa by'isanamitima, guteza imbere Ubumwe n'Ubudaheranwa ndetse n'ubusabane mu baturage b'Umurenge wa Cyanika.






Unity Club kandi yubatse ishuri ry'incuke kuri G.S Ngoma, hubakwa n'ibyumba 4 "smart classrooms" na laboratwari kuri G.S Rugogwe. Uyu muryango kandi wakoze ubuvugizi hubakwa n'Ishuri ryisumbuye ry'ubumenyi-ngiro rya Cyanika.








Abakozi mu bunyamabanga bwa Unity Club bunamiye abazize Jenoside yakorewe Abatutsi baruhukiye mu Rwibutso rwa Cyanika ndetse batera n'igiti cy'umurinzi mu busitani bw'Urwibutso

## 10 NDI UMUNYARWANDA YAKOZE UMUTI!

Intwararumuri Prof. Anastase SHYAKA yabigarutseho tariki 03 Werurwe 2024 mu rubuga rwa Ndi Umunyarwanda, Ikiganiro ngarukakwezi cya Unity Club gitambuka kuri RBA.

Ni ikiganiro cyateguwe mu gihe Abanyarwanda biteguraga igikorwa cya Rwanda Day I Washington muri USA.

Muri iki kiganiro cyagarukaga ku ruhare rwa Diaspora mu kwimakaza Ndi Umunyarwanda, Ambasaderi w'u Rwanda muri Pologne Prof. Anastase SHYAKA yavuze ko nubwo gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" itamaze imyaka 100 cg 200, umusaruro wayo wivugira. Aha yagize ati:



> Ndi Umunyarwanda yakoze umuti! ...Ndi Umunyarwanda yaje nk'icyomoro ku mateka mabi y'Igihugu, kuganira ku bikomere, ariko no gushaka uburyo ibyomora.

**Amb. Anastase SHYAKA**
*Ambasaderi w'u Rwanda muri Pologne akaba n'Umunyamuryango wa Unity Club*

Mu bihe bitandukanye, gahunda ya Rwanda Day yabaye imwe mu zatanze urubuga rwiza rwo kugeza ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda ku Banyarwanda baba mu mahanga kugirango barusheho kwimakaza Ubunyarwanda aho bari hose kimwe na bagenzi babo bari mu Rwanda.



Abanyarwanda baba muri USA bitabiriye Rwanda Day Washington ari benshi tariki 03 Gashyantare 2024



Umuyobozi Nshingwabikorwa ushinzwe Itorero no guteza imbere umuco muri MINUBUMWE, Hon. Julienne UWACU, akaba n'Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Kabiri wa Unity Club, we yashimangiye ko indangagaciro zikwiye kuranga buri munyarwanda by'umwihariko abari mu mahanga, abasaba gushyira imbere ubunyarwanda. Yagize ati:



> Muri byose, aho twaba turi hose, tuzirikane ko Ubumwe bwacu ari zo mbaraga zacu.

**Hon. Julienne UWACU**
Umuyobozi Nshingwabikorwa ushinzwe Itorero no guteza imbere umuco muri MINUBUMWE

Reba ikiganiro cyose **Video**

## 11

## ANDI MAKURU

## UNITY CLUB YAHEREKEJE BWA NYUMA INTWARARUMURI Amb. Monique MUKARULIZA

Kuwa Gatandatu Tariki 06 Mata 2024, Intwararumuri twifatanyije n'umuryango n'inshuti za Nyakwigendera Amb. Monique MUKARULIZA mu muhango wo kumuherekeza bwa nyuma.



Misa yo gusabira Nyakwigendera Amb. Monique MUKARULIZA yabereye kuri Kiliziya Regina Pacis, i Remera

Misa yo gusabira Nyakwigendera Amb. Monique MUKARULIZA yabereye kuri Kiliziya Regina Pacis, i Remera

Mu izina ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME, ndetse no mu izina ry'Abanyamuryango bose, Umunyamabanga Mukuru akaba n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Mme Régine IYAMUREMYE, yihanganishije umuryango wa Nyakwigendera, avuga ko asize icyuho gikomeye mu muryango we by'umwihariko, muri Unity Club no ku Gihugu muri rusange. Aha yagize ati:

> Nyakwigendera, afatanyije n'abandi banyamuryango, yakoze imirimo myinshi kandi ikomeye yagejeje Unity Club ku ntego zayo mu bihe byashize. Yabaye Umunyamuryango mwiza, agaragaza umwete n'umurava mu kwitabira ibikorwa bya Unity Club, ndetse akabishishikariza n'abandi banyamuryango.

**Mme Régine IYAMUREMYE**
Umunyamabanga Mukuru akaba
n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa





Abanyamuryango ba Unity Club baherekeje bwa nyuma Amb. Monique MUKARULIZA

Ubutumwa burata ubutwari Intwararumuri Mukaruliza busoza bugira buti:

> Yatubereye inshuti nziza, umuvandimwe, umujyanama mwiza ku bakuru n'abato. Ubupfura, ubugwaneza, gukunda abantu, ibikorwa bye by'ubumuntu, umurava mu byo yakoraga tuzakomeza kubimwibukiraho iteka muri Unity Club.
> Amb. Monique MUKARULIZA, wagaragaje icyo ushoboye nk'Umuyobozi, Umugore n'Umubyeyi. Muvandimwe, Amb. Monique MUKARULIZA, Imana iguhe iruhuko ridashira.



Nyakwigendera Amb. Mukaruliza yatuwe ururabo n'Intwararumuri bagenzi be

Tariki 30 Werurwe 2024 nibwo hamenyekanye inkuru y'akababaro y'urupfu rw'Intwararumuri Amb. Monique MUKARULIZA witabye Imana azize uburwayi.

## 12 UNITY CLUB YUNGUTSE ABANYAMURYANGO BASHYA

Komisiyo y'Ubusabane, Imibereho myiza n'Ubukangurambaga bw'Abanyamuryango yakiriye Abanyamuryango bashya 7. Abo ni:

- Mme MUTABARUKA Carine Olga na Hon. Yusuf MURANGWA
- Mme Inès INGABIRE na Hon. Olivier KABERA
- Hon. Consolée UWIMANA na Bwana RUGERINYANGE Laurent
- Hon. Linda Mutesi RUSAGARA

## 13 IBIKORWA BY'INGENZI BIRI IMBERE

Umuryango Unity Club, urangajwe imbere n'Umuyobozi Mukuru wawo, Nyakubahwa Mme Jeannette KAGAME, urakataje mu bikorwa bituma ugera ku ntego zawo.
Ibimaze kugerwaho ni byinshi ariko urugendo rurakomeje. Ni muri urwo rwego mu bihe biri imbere uyu muryango uzakomeza ibikorwa byawo birimo:

- Ihuriro ngarukamwaka rya 17 rya Unity Club
- Inteko Rusange y'Abanyamuryango
- Kuvugurura no kwagura Impinganzima ya Nyanza
- Gutangiza Ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza 17 nshya
- Gutera inkunga imishinga y'Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu mashuri Makuru na Kaminuza 32 no kuyikurikirana
- Gushimira Abafatanyabikorwa ba Unity Club mu mwaka 2023-2024
- Gukomeza ibikorwa by'umushinga ICDP
- Gutegura Gahunda y'Igenamigambi "Strategic plan" y'imyaka 5 iri imbere



"Towards a common goal"

## Turashimira Abafatanyabikorwa bacu

@UnityClubRw